D/034/2

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, kuwa 4/12/98

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

N° 1674/21.00

**Bwana RWIGEMA Paterne**
**Umuyobozi wa Siporo**
**muri MIJESCAFOP**
**KIGALI**

**Impamvu :**
**Kwongererwa amavuta**

Bwana Muyobozi,

Nkurikije ibaruwa yawe yo ku wa 3 Ugushyingo 1998 yasabaga kwongererwa amavuta bitewe n'imirimo myinshi ikorerwa mu Buyobozi bwa Siporo, ndakumenyesha ko wemerewe kwongererwa Litiro eshanu (5L) mu munsi. Ni ukuvuga ko uzajya uhabwa litiro mirongo cyenda (90L) mu cyumweru.

**Umunyamabanga Mukuru muri**
**MIJESCAFOP**

**KABANDANA Marc**

République Rwandaise
Ministère de la Jeunesse, de la Culture et de la Formation Professionnelle

Bimenyeshejwe :
- Umuyobozi w'Ibikorwa Rusange
  muri MIJESCAFOP
  KIGALI

**UBUYOBOZI BWA SIPORO**
**MURI MIJESCAFOP**

Kigali, kuwa 03/11/1998

Ku Munyamabanga mukuru
muri MIJESCAFOP

D 89

Birashoboka?

4.11.98

Impamvu:
Gusaba amavuta

D.S.G
Accord avec votre proposition
13.11.98

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Icyemezo cyafashwe cyo guha imodoka amavuta angana n'amalitiro 10 ku munsi ni kiza cyane. Ariko mu buyubozi bwa Siporo twabonye ko bidutera ingorane nyinshi biturutse ku mpamvu zikurukira:

1. Imodoka mu buyobozi ni imwe kandi ishaje, ibyo bigatuma ikora imirimo ya Diviziyo zose n'iy'ubuyobozi. Gusaza nabyo bituma inywa « Essence » nyinshi kuko atari « Mazout ».
2. Mu buyobozi hari akazi kenshi gatuma imidoka itaruhuka. Bikubitireho n'imirimo ya Stade ituma dukora n'iminsi y'ibiruhuko.
3. Imodoka yahoraga idufasha yagize impanuka biracyari muri « Assurances ».

Mbona rero ko mwagakwiye kutwongera « Essence » kuko ibyo twavuze hejuru birerekana ko ari ngombwa. Ndunva kandi ayo mavuta atabura kuko hari imodoka zigifata amavuta muri « Finances » kandi zitakigenda.

Nkaba mbasaba niba munyemereye dukomeza gufata amavuta ya RR 0875A yagize « Accident » kuko imirimo yakoreshwaga yeguriwe RR 0630A.

Mbaye mbashimiye.

**RWIGEMA Paterne**

Bimenyeshejwe:
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.
- Umuyubozi w'imirimo rusange.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, kuwa

N°

**Bwana RWIGEMA Paterne**
**Umuyobozi wa Siporo**
**muri MIJESCAFOP**
**KIGALI**

**Impamvu :**
**Kwongererwa amavuta**

Bwana Muyobozi,

Nkurikije ibaruwa yawe yo ku wa 3 Ugushyingo 1998 yasabaga kwongererwa amavuta bitewe n'imirimo myinshi ikorerwa mu Buyobozi bwa Siporo, ndakumenyesha ko wemerewe kwongererwa Litiro eshanu (5L) mu munsi. Ni ukuvuga ko uzajya uhabwa litiro mirongo cyenda (90L) mu cyumweru.

**Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP**

**KABANDANA Marc**

Bimenyeshejwe :
- Umuyobozi w'Ibikorwa Rusange
  muri MIJESCAFOP
  KIGALI